**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

Nyanza, ku wa 12.09.2017
N° 0522/07.02

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**TEL: 252533385, Fax: 252533380**
**Email : south@southernprovince.gov.rw**
**Website : www.southernprovince.gov.rw**

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi
**KAMONYI**

**Impamvu**: Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 30 Kanama 2017

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye ku itariki 30 Kanama 2017 byatugezeho ku itariki ya 05 Nzeri 2017, nyuma yo kubisuzuma turabasaba ko bishyirwa mu bikorwa. Turabashimira umwanzuro mwafashe wo guteganya mu ngengo y'imari amafaranga agenewe gusana Utugari, tukabasaba ko bishyirwa mu bikorwa kugira ngo serivisi zitangirwa ku Tugari zitangirwe ahantu hameze neza.

Mugire akazi keza.

**MURESHYANKWANO M. Rose**
**Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**

**Bimenyeshejwe**:
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu/**KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi/ **KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kamonyi, ku wa 30 Kanama 2017
N°.......205............/07.02/08DC

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

Madamu Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
**NYANZA**

**Impamvu** :Kohereza ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 30 Kanama 2017

Madamu Guverineri,

Nishimiye kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa ibyemezo by'Inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 30 Kanama 2017

Mbifurije kubyakira neza.

**KARURANGA Emmanuel**
Perezida w'Inama Njyanama y' Akarere ka **KAMONYI**

**Bimenyeshejwe :**

-Bwana Umuyobozi w'Agateganyo w'Akarere ka **Kamonyi**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYEPFO**

**AKARERE KA KAMONYI**

**B.P. 03 MUHANGA**

**E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr**

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 30 KANAMA 2017 No 011 /2017 DC**

None ku wa gatatu tariki ya 30 Kanama 2017, mu cyumba cy'inama cy'Akarereka Kamonyi guhera saa tatu (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe na Perezida wayo Bwana KARURANGA Emmanuel. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama; Umuyobozi w'Inama Njyanama yakomeje agaragaza Umujyanama utitabiriye inama n'impamvu ye ariwe :

**NYONI Lambert Emilien:Yitabiriye inama y'Akazi**

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

**1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama yo kuwa 25.06.2017**

**2.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama Njyanama**

**3.Kwemeza komite z'ubutaka ku Mirenge**

**4.Kwemeza"Local Economic Strategy y'Akarere(LED)**

**5.Kurebera hamwe Ishyirwamubikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama 2017-08-29**

**6.Abandikiye Inama Njyanama**

**7.Ibindi**

**IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KUMURONGO W'IBYIGWA.**

| N0 | INGINGO YAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRAMUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | Gusoma no kwemeza inyandikomvugo yo kuwa 25.06.207 | 1.Inyandikomvugo yakorewe ubugororangingo iremezwa | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Kanama 2017 |
| II | Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama Njyanama | Abajyanama bamaze kugezwaho raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama njyanama muri buri komisiyo bafashe ibyemezo bikurikira: | Ibi byemezo byavuye muri Raporo z'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli-Ukuboza 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **A)MURI KOMISIYO Y'IMIYOBORER E MYIZA**<br>Abajyanama bemeje: | | | |
| | | 2. ko Komite Nyobozi y'Akarere ikoresha ingufu zose zishoboka kugirango imanza za gacaca zirangizwe bakazatanga raporo mu nama njyanama y'igihembwe cya kabiri 2017-2018 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli-Ukubuza2017 |
| | | 3.Abajyanama bemeje ko komite nyobozi yafasha abanyamuryango ba Koperative KOKARU hakajyaho komite yuzuye kandi yemewe | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli-Ukwakira 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | n'abanyamuryango izabafasha gukurikirana umutungo wayo | | | |
| | | 4.Abajyanama bemeje ko mu kuvugurura ingengo y'imali yemejwe kuwa 25.06.2017 hazongerwamo amafaranga yo gusana inyubako z'utugali zishaje n'abaturage bakakwa umusanzu uzunganira utugali hamwe n'umuganda kuburyo umwaka 2017-2018 iki kibazo kikaba cyakemutse | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli-Ukwakira 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **B) MURI KOMISIYO Y'IMIBEREHO MYIZA**<br>Abajyanama bemeje:<br>5.ko koperative z'abafite ubumuga zafashwa kubona ubuzima gatozi kugirango bibafashe gukomeza gutera imbere kimwe n'andi makoperative yose afite iki kibazo | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli – Ukuboza 2017 |
| | | **C ) MURI KOMISIYO Y'UBUKUNGU**<br>**6.**Abajyanama bemeje ko ibibazo byose abaturage bafite mu guhinduza ibyangombwa | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli – Ukuboza 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | by'ubutaka byasesengurwa kurushaho hakurikije uko bitandukanye bikagezwa kuri komisiyo y'Ubukungu kugirango bikemurwe hubahirizwa igishushanyombonera | | | |
| | | 7. Abajyanama bemeje ko NSANZINEZA Vital na DUSHIMIMANA Emmabuel bashaka kubaka amashuli babanza bakanoza imishinga yabo neza bafashijwe nababifite mu nshingano bakegera Ubuyobozi bw'Akarere bukabereka | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli-Ukuboza 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ahagenewe ibikorwa by'iterambere ry'imibereho myiza mu Karere. | | | |
| | | 8. Abajyanama bemeje ko New life Kingdom Ministries yandikirwa imenyeshwa ko Akarere katahindura igishushyombonera ku bw'ubusabe bwe bwo kubaka ishuli kuko aho yaguze hagenewe amashyamba kandi hari ubuhaname bukabije hakaba hatajyanye n'umushinga we | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli 2017 |
| | | 9. Abajyanama bemeje ko HINES ishaka kubaka uruganda rutunganya ibikomoka ku | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | ngurube Akarere kamwereka aho azakorera hagenewe inganda ziciriritse | | | |
| | | 10. Abajyanama bemeje ko **SPIC LTD** Sosiyete y'ishoramari yo mu Ntara y'Amajyepfo ubutaka isaba bwo gukoreraho yabuhabwa bukazavunjwamo imigabane y'Akarere ku bwumvikane bwa SPIC n'Ubuyobozi bw'Akarere; bityo Akarere kagahindura icyo ubutaka bwateganirijwe gukorerwaho ku gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kamonyi. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli 2017 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | 11.Abajyanama bemeje umushinga wa **MAGERWA** bemeza ko yahabwa ibyangombwa byo kubaka mu Kagali ka Ruyenzi umurenge wa Runda | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli 2017 |
| **III.** | Kwemeza komite z'ubutaka ku mirenge | 12 . Abajyanama bemeje Komite z'Ubutaka mu Mirenge | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli2017 |
| **IV.** | Kwemeza ''Local Economic development Strategy ''y'Akarere(LED) | 13 . Abajyanama bamaze kuganira kuri''LED''y'Akarere (Local Economic development Strategy) bayemeje. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nyakanga 2017 – Kamena2018 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| V. | Abandikiye Inama Njyanama | 14. Abajyanama bemeje ubusabe bw'UWITONZE Clarisse bwo kwimurirwa ku mwanya w'Umugenzuzi bwite w'Akarere ka Kamonyi. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli 2017 |
| | | | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | 15.Abajyanama bemeje ko abaturage bakunganirwa 70% mu kugura ibikoresho byo kuhira nk'uko RAB yanditse isaba ko Inama Njyanama yakwemeza uruhare rw'Akarere mu kunganira abaturage naho abaturage uruhare rwabo rukaba 30% | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Nzeli –Nyakanga 2017 |
| | **INGINGO ZAGANIRIWE NI :7** | **IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI:15** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo isaa munani n'iminota mirongo itatu(14h30); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

| | |
|---|---|
| **MUKANYANDWI Rose** | **KARURANGA Emmanuel** |
| **Umunyamabanga w'Inama Njyanama** | **Umuyobozi w'Inama Njyanama** |